Itangazo rigenewe abanyamakuru

Umushyikirano uzasigira abanyarwanda icyerekezo cy'iterambere ryihuse

Kigali 11 Ukuboza 2014

Inama ngarukamwaka y'umushyikirano izaba kuva tariki ya 18 kugeza ku ya 19 Ukuboza 2014 izahuza abayobozi n'abaturage baganire ku iterambere ry'igihugu, akamaro ko kubakira ku byagezweho ndetse n'uruhare rw'umuryango mu iterambere ry'igihugu. Umushyikirano, nka kimwe mu bisubizo abanyarwanda bishatsemo, uha urubuga abanyarwanda rwo kugira uruhare mu bibakorerwa no kugena icyerekezo cy'terambere ry'igihugu.

Uyu mwaka, inama y'igihugu y'Umushyikirano uzahuzwa n'inama ngishwanama ya Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside. Insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti: "Ikerekezo kimwe, twongere imbaraga". Inama y'igihugu y'umushyikirano izayoborwa na Perezida wa Repubulika, Paul Kagame.

Abaturage bazakurikirana ibikorwa by'umushyikirano banatange ibitekerezo byabo bohereza ubutumwa bugufi, ndetse no ku mbuga nkoranyambaga. Abaturage kandi bazakurikirana imbonankubone umushyikirano binyuze mu buryo bw'ikoranabuhanga bwashyizweho mu bice bitandukanye by'igihugu.

Nk'uko byagiye bigenda kandi mu myaka yashize, urubyiruko rw'abanyarwanda rugera ku bihumbi bibri rurimo abikorera, abakora mu nzego zitandukanye, abahanzi, abanyeshuri ndetse n'ababana n'ubumuga ruzitabira ihuriro ryiswe YouthConnekt Convention ruzanakurikirana ibikorwa by'inama y'igihugu y'umushyikirano.

Insanganyamatsiko zizaganirwaho mu mushyikirano wa 2014 ni "Umuryango- isoko y'itermbere ry'igihugu," na "Kurinda ibyo twagezeho dutegura ejo hazaza heza". Intego ni ukugaragaza intambwe yatewe mu kugana ku cyerekezo cya 2020, ndetse n'intambwe zisigaye guterwa kugirango u Rwanda rugere mu cyiciro cy'ibihugu bifite ubukungu bucirirtse. Izi nsanganyamatsiko zigamije gusembura ibiganiro byimbitse abanyarwanda bose bahuriyemo bizatanga ibisubizo ku mbogamizi u Rwanda rufite uyu munsi.

Ikiganiro kizatangwa mu nama ngishwanama ya Komisiyo y'igihugu yo kurwanya Jenoside cyitwa " imyaka makumyabiri yo kwiyubaka" kizibanda ku byagezweho ndetse n'ingamba zo gukumira no kurwanya ihakana n'ipfobya rya Jenoside ndetse n'ingengabitekerezo yayo. Hazagarukwa kandi no ku mbaraga zashyizwe mu kurinda ibimenyetso bya Jenoside yakorewe Abatutsi, kwita ku mibereh myiza y'abacitse ku icumu ndetse no guhangana n'ihungabana.

Aganira n'itangazamakuru, Ku myiteguro y'inama y'igihugu y'umushyikirano, Minisitiri w'uburinganire n'iterambere ry'umuryango, Oda Gasinzigwa yasobanuye impamvu umuryango uzagarukwaho:

"imiryango yacu igira uruhare runini mu kurinda indangagaciro n'umuco dusangiye nk'abanyarwanda. Umushyikirano uzaba ari umwanya wo kugaragaza akamaro k'imiryango mu kugeza u Rwanda ku iterambere rirambye".

Mu nama y'iguhugu y'umushyikirano y'ubushize, Perezida Kagame yagarutse ku kamaro k'umushyikirano:*"Umushyikirano ni ukureba uruhare rwa buri munyarwanda mu kubaka igihugu cye. Ni ukureba aho twavuye, aho turi uyu munsi n'aho tugana. Ubudasa bw'ibitekerezo byacu bwakagombye kudufasha kugira ibiganiro mpaka byubaka hagamijwe kubaka ejo hazaza habereye bose".*

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 168 y'itegekonshinga, umushyikirano ni urubuga rwo kuganiriramo ibibazo bijyanye n'uko igihugu gihagaze, imikorere y'ubuyoboi mu nzego z'ibanze ndetse n'ubumwe bw'abanyarwanda. Umushyikirano ushingira ku ihame ryo gufasha abaturage kugira uruhare mu bibakorerwa.. Umushyikirano wagiye ufasha mu iterambere ry'igihugu hibandwa ku gushyira ibere byifuzo by'abaturage mu itegurwa rya gahunda z'iterambere zitandukanye. Umushyikirano witabirwa n'abagize guverionma n'inteko ishinga amategeko,

abahagarariye abanyarwanda baba mu mahanga, inzego z'ibanze, itangazamakuru, abahagarariye ibihugu n'imiryango mpuzamahanga, ndetse n'abaturage.

Ibibazo by'Abanyamakuru:

Ibibazo by'abanyamakuru byakirwa kuri email: info-umushyikirano@ogs.gov.rw

Ushobora kandi kubona amakuru arambuye kurubuga rwa www.umushyikirano.gov.rw, ndetse no kuri twitter @Umushyikirano cyangwa kuri Facebook. Ushobora kandi no kumenya byinshi ku mushyikirano unyuze kuri Rwandapedia.

Ku makuru ajyanye n'ihuriro ry'urubyiruko wasura Visit www.youthconnekt.rw cyangwa kuri twitter @YouthConnekt

Amafoto y'umushyikirano mu myaka yashize aboneka kuri www.flickr.com/govrw na www.flickr.com/paulkagame. Amafoto y'uyu mwaka aboneka aha www.flickr.com/govrw.

INAMA
Y'IGIHUGU
Y'UMUSHYIKIRANO